**Ubushakashatsi ku buzima ndangabitsina n'imyororokere n'ubumuga mu bakuwe mu byabo baba mu mugi wa Kampala**

Women's Refugee Commission na Refugee Law Project
Ukuboza 2013

*RAPORO IGENEWE ABAGIZE URUHARE MURI UBU BUSHAKASHATSI*

## TURI BANDE?

The Women's Refugee Commission (WRC) ni Umuryango utegamiye kuri Leta ufite icyicaro muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Turi Umuryango ukora ubushakashatsi n'Ubuvugizi uharanira kurengera uburenganzira, umutekano n'imibereho myiza by'abakuwe mu byabo hirya no hino ku isi. Dukorana na za Leta, Amashami y' Umuryango w'Abibumbye (ONU) n'Imiryango Mpuzamahanga.

The Refugee Law Project (RLP) ni Umushinga usanga abantu aho bari w' Ishuri ry'Amategeko, Kaminuza ya Makerere, Uganda. Duharanira guha ubushobozi abakuwe mu byabo baba muri Uganda kimwe n'abaturage babakiriye bubafasha kugirango uburenganzira bwabo bwubahirizwe kandi bagire ubuzima bubahesha agaciro. Ibi tubikora tubicishije mu bushakashatsi, ubufasha mu bijyanye n'amategeko, gutanga ubufasha mu bijyanye n'ubuzima bwo mu mutwe no kubana neza n'abandi, ubufasha bwo kugirango hatagira uhohoterwa hashingiwe ku mibereho ndangabitsina, kimwe no gukurikirana ibibazo bifitanye isano n'amakimbirane, imiyoborere, n'ubutabera bwo mu nzibacyuho. Impunzi zibana n'ubumuga ni rimwe mu matsinda RLP yitaho cyane kandi RLP ikorana nabo kugirango uburenganzira bwabo bwubahirizwe.


Abakoze Ubushakashatsi

**Ubuzima ndangabitsina n'imyororokere**

Abantu bose bafite uburenganzira bwo guhabwa amakuru na servisi bakeneye kugirango bafate neza ubuzima ndangagitsina n'imyororokere bwabo. Aha hakubiyemo kwiga uko imibiri yabo ikora iyo babaye bakuru, n'uko bakwiye kubana na bagenzi babo mu buryo butabatera ikibazo. Harimo kandi uko bashobora kugezwaho uburyo bwizewe, bukora neza, buhendutse kandi bwemewe bwo kuboneza urubyaro (gutandukanya imbyaro), nk'udukingirizo n'ibinini; kugeza ku babyeyi uburyo bwo mu rwego rw'ubuzima bufasha abagore gutwita no kubyara nta ngorane; no kugezwaho amakuru na servisi bibafasha kwirinda no kwifuza indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, harimo n'agakoro gatera ubwandu bwa SIDA.

## KUKI TWAJE I KAMPALA?

Twasuye Kampala kugirango dukore ubushakashatsi bwerekeranye n'ibibazo n'ibindi abantu babana n'ubumuga bunyuranye bakenera mu bijyanye n'imibereho ndangabitsina n'ubuzima bw' imyororokere (ku mubiri, mu myanya y'ibyumviro, mu bwenge, mu buryo bwo mu bitekerezo n'ubundi bumuga bunyuranye). Twashakaga kandi kumenya uko abantu babana n'ubumuga babona igikwiye kuba cyakorwa kugirango imibereho yabo irusheho kuba yaba myiza kurusha uko bimeze ubu harimo n'icyo nabo ubwabo bumva bakora

## TWAKOZE IKI I KAMPALA?

Mu gihe kirenze ibyumweru bibiri mu kwezi k' Ukuboza 2013 n'icyumweru kimwe muri Mutarama 2014 Umuryango wa WRC wakoranye n'Ishami rya RLP ryita ku kumererwa neza mu bijyanye n'ubuzima bwo mu mutwe n'uko umuntu abana n'abandi mu guhugura abantu 12 barimo impunzi z'abashakashatsi n'abagombaga gutoranya ababazwa muri ubu bushakashatsi mu bagore babana n'ubumuga bafite imyaka y'amavuko iri hagati ya 20-49, abagabo babana n'ubumuga bafite imyaka y'amavuko iri hagati ya 20-59 n'urubyiruko rutangiye kugimbuka rw'abakobwa n'abahungu babana n'ubumuga bafite imyaka y'amavuko iri hagati ya 15-19, muri Kampala. Mu mpunzi z'abashakashatsi no mu bari bashinzwe gutoranya ababazwa muri ubu bushakashatsi harimo n'abantu babana n'ubumuga.

Muri rusange, itsinda ry'abashakashatsi ryabonanye n'impunzi 104 zibana n'ubumuga—abagore n'abakobwa 75 n'abagabo n'abahungu 29 babana n' ubumuga bwaba ubw'umubiri muri rusange, ubufitanye isano no kubona, ubufitanye isano n'ubwenge, ubwo mu buryo bwo gutekereza, ubwo kumva n'abakomatanyije ubumuga burenze bumwe. Babonanye n'impunzi zitava mu rugo , n'abantu 32 mu bita ku babana n'ubumuga no mubo mu miryango y'abo. Imirimo yakozwe mu ndimi z' Igiswahili, Igisomali, Ikinyarwanda n' Uluganda mu buryo bw'incamarenga. Ibikorwa bimwe byakozwe mu matsinda ibindi bikorwa n'abantu ku giti cyabo.

Twateze amatwi ababajijwe muri ubu bushakashatsi, maze twumva ibitekerezo byabo n'ibibazo bahura nabyo. Turabashimira cyane kuba baremeye kubonana natwe kandi baraduhaye uburenganzira bwo kuba twageza ku bandi bantu ibyo batubwiye ariko bigakorwa mu buryo bw'abantu bazi icyo bakora.

## TWAMENYE IKI?

**Ibya mbere byagaragajwe n'ububushakashatsi** byerekana ko muri rusange benshi mu bantu babana n'ubumuga bumva basuzugurwa bitewe n'ubumuga babana nabwo. Umubare munini cyane w'ababajijwe muri ubu bushakashatsi ndetse n'ababitaho basanze ari ngombwa ko abantu babana n'ubumuga bagombye kubahwa kurushaho. Icyifuzo cyatanzwe n'abantu benshi cyane, by'umwihariko abita ku babana n'ubumuga, ni uko bahabwa ubuhungiro mu bindi bihugu bitewe n'uko basanga ubufasha bugenerwa abo bafasha mu bijyanye n'ubumuga bwabo hano muri Uganda usanga budahagije.
Mu bindi byifuzo byatanzwe harimo ko habaho uburyo bwihuse butuma bakirwa bidatinze kandi bakagezwaho ubufasha aho gutonda umurongo muremure hamwe

n'abandi bantu. Ibindi byasabwe ni uko ababana n'ubumuga kimwe n'ababitaho bakoroherezwa mu bijyanye no kwiga haba amashuri asanzwe cyangwa kwiga imyuga, kugirango bagire ubushobozi bwo kuvugana n'abatanga ubufasha kandi babe bagira amahirwe yo kubona akazi no kubasha kugira icyo binjiza.


Mu bijyanye n'ubufasha mu byo kwivuza, bamwe mu babana n'ubumuga bagaragaje ko iyo bagiye kwa muganga babafata neza bitewe n'uko bafite ubumuga. Cyokora, abenshi mu babajijwe hamwe n'ababitaho binubiye kuba ababana n'ubumuga iyo bagiye kwa muganga usanga batavurwa uko bikwiye ndetse abakozi bo kwa muganga bakababafata nabi. **Kubura abasemuzi,** harimo n'abasemuzi bakoresha uburyo bwo guca amarenga**, kubura amashiringi ya transiporo yo kubageza** kwa muganga**, ndetse no kubura amashiringi yo kwishyura kwa muganga,** byagaragaye nk'imbogamizi zituma badashobora kuvurwa.

Abantu benshi basaga n'abemeza ko iyo badafite amashiringi nk' impunzi kandi nk'abantu babana n'ubumuga, iyo bagiye kwa muganga usanga ntawe ubitaho kandi bagasuzugurwa n'abakozi bo ku mavuriro. Hari abavuze ko hari igihe birirwayo umunsi wose bategereje ko bakwakirwa, byarangira bagataha uko baje: "Iyo uri umuntu ubana n'ubumuga urategereza, ugategereza, ukongera ugategereza."

**UBUMENYI KU BYEREKEYE UBUZIMA NDANGABITSINA N'IMYORORORKERE**

Abantu benshi bavuze ko InterAid, Ibitaro bya Mulago, RLP, African Centre for Torture Victims (ACTV) na Kampala City Council Authority (KCCA) batanga amakuru n' ubufasha mu bijyanye n'ubuzima ndangabitsina n'imyororokere, n'ubwo havuzwe ko kugezwaho amakuru mu bijyanye n'ubuzima ndangabitsina usanga bikomeye cyane cyane ku bantu bafite ibibazo mu bwenge.

Mu gihe usanga bamwe mu babajijwe muri ubu bushakashatsi wasangaga bazi aho imyanya y'imyororokere ihereye ku mubiri wabo n'uko ikora, wasangaga abenshi batazi neza ibyerekeranye n'umubiri wabo. Abafite ubumuga mu bwenge wasangaga aribo bafite ibibazo kurusha abandi mu kuba bashobora kumenya ingingo z'umubiri wabo n'aho ziherereye, kandi ugasanga cyane cyane ari bo batazi uko ikora. Urubyiruko rw'abakobwa n'urw'abahungu rutangiye kugimbuka wasangaga basobanukiwe kurusha abantu bakuru.






*Ifoto: urugero rw'igishushanyo cy'umubiri w'umuntu cyashushanyijwe n'abagabo bafite izibazo mu bwenge (uwafashe ifoto: RLP)*

Abenshi mu babajijwe muri ubu bushakashatsi wasangaga hari icyo bazi ku gakoko gatera ubwandu bwa SIDA, cyangwa ibimenyetso bimwe by'indwara zandurira mu myanya mpuzabitsina, n'ubwo wasangaga hari igihe usanga batamenyereye neza amazina yazo n'ikizitera. Bashoboraga kandi kuvuga uburyo bwinshi bwo gutandukanya mbyaro, harimo udukingirizo, ibinini (pills) umugore ashobora gufata buri munsi, cyangwa se

inshinge (injections) umugore ashoboraga guterwa buri mezi atatu. Hari n'abandi bavuze uburyo bwa Intrauterine devices, akantu gafite ishusho y'inyuguti ya T binjiza mu nda ibyara y'umugore, kimwe no guhagarika urubyaro haba ku mugore cyangwa ku mugabo. Mu gihe wasangaga hari bake mu babajijwe muri ubu bushakashatsi bashoboraga kuvuga uburyo bwo gutandukanya imbyaro, wasangaga harimo ikintu cyo cyo kutizera n'imyumvire itari yo mu bijyanye n'uburyo bwo gutandukanya imbyaro. Hari benshi wasangaga bafite impungenge ko agakingirizo gashobora guhera mu mugore, cyangwa kakaba katera umugore ubugumba. Ababajijwe muri ubu bushakashatsi batava mu rugo cyangwa ababana n' ubumuga butandukanye ku muntu umwe wasangaga ari bo bafite ubumenyi buke mu byerekeye ubuzima ndangabitsina n'imyororokere, cyane cyane ko bagira amahirwe make yo kugezwaho amakuru aturuka hanze mu bandi bantu.

**Bumwe mu buryo bwo gutandukanya imbyaro**

| | |
|---|---|
| Condom (agakingirizo)  | Pill  |
| Injection (urushinge)  | Intrauterine device  |
| Implant  | Uramutse hari ibindi ushaka kumenya mu byerekeye gutandukanya imbyaro, wagana ikigo nderabuzima. |

**IBIBAZO RUSANGE UMUGORE CYANGWA UMUKOBWA UBANA N'UBUMUGA AHURA NABYO IYO ATWAYE INDA**

Muri rusange, ababajijwe muri ubu bushakashatsi bemeye ko iyo umukobwa cyangwa umugore ubana n'ubumuga atwaye inda, yaba yarashatse cyangwa atarashatse, usanga bimugiraho ingaruka ku buryo umuryango we cyangwa abaturanyi bamufata. Iyo yashatse, usanga abashakanye ndetse n'umuryango we bishimira iyo nda. Iyo atashatse, usanga avangurwa. Usanga umuryango we ndetse n'abaturanyi bavuga ko "ari indaya", ko "yitwaye nabi", cyangwa ko "yafashwe ku ngufu". Ku mukobwa nk'uwo utarashatse, ababajijwe muri ubu bushakashatsi bavuze ko hari igihe ashobora guhamana umwana, cyangwa ababyeyi bakamuhatira gukuramo inda.

Iyo umukobwa cyangwa umugore ufite ubumuga ari hafi kubyara, ababajijwe muri ubu bushakashatsi bavuze ko hari igihe

abyarira kwa muganga cyangwa akabyarira mu rugo afashijwe n'umubyaza wa gihanga, mama we, cyangwa akibyaza ubwe mu ibanga. Bavuze ko iyo abyariye kwa muganga agenda ku maguru cyangwa mu itagisi. Bavuze kandi ko hari igihe umuntu wo mu muryango cyangwa se uwamuteye iyo nda amuherekeza.

Abenshi mu babajijwe muri ubu bushakashatsi basanga abagore n'abakobwa babana n'ubumuga iyo batwite kwa muganga batabafata neza kandi batabaha icyubahiro, bakaba baratanze ingero z'ukuntu bababwira ngo: "Ushobora ute gutwara inda kandi uri impunzi ukaba n'ikimuga?" cyangwa ngo "Ubwe ni ikibazo none agiye kubyara ikindi kibazo."

**IBIBAZO BYO KUBURA AMAHORO**

Ababajijwe muri ubu bushakashatsi babana n'ubumuga muri rusange bemeye ko cyane cyane ikibabuza amahoro ari ubwiherero ndetse n'ahantu batuye. Aho hantu hombi havuzwe kuba ariho hashobora gutuma umuntu ashobora guterwa no gufatwa ku ngufu. Benshi mu babajijwe muri ubu bushakashatsi wasangaga bazi ubufasha n'akamaro ko kujya kwa muganga nyuma y'uko afatwa ku ngufu.


*Ifoto: Ubwiherero*

Ahandi hantu ababajijwe muri ubu bushakashatsi bumva badafite amahoro usanga hafitanye isano n'ukuntu kuhagera bitoroha bitewe n'imiterere yaho n'aho haherereye. Urugero rwatanzwe ni uko iyo aho abantu bashaka kujya hari amabaraza cyangwa hegereye cyane umuhanda cyangwa amazi, ababajijwe muri ubu bushakashatsi basanga hababuza amahoro, cyane cyane abafite ubumuga mu ngingo zigize umubiri cyangwa mu ibijyanye kureba.

**Ubufasha bw'ingenzi kwa muganga baha abantu bafashwe ku ngufu ni ubuhe?**
Iyo umuntu akeneye ubufasha bwa muganga akimara gufatwa ku ngufu, ashobora:

- Kwivuza ibikomere afite ku mubiri.
- Gufata ibinini byo kwirinda gusama atabishaka (mu gihe kitarenze iminsi 5).
- Gufata imiti ituma atandura indwara zandurira mu myanya ndangabitsina.
- Gufata imiti yo kwirinda kwandura agakoko gatera ubwandu bwa SIDA ( mu gihe kitarenze iminsi 3)
- Guhabwa ubufasha bwo kumuhumuriza
- Kuba yahabwa urwandiko rumwohereza gushaka ubufasha ahandi hantu.

Benshi mu babajijwe muri ubu bushakashatsi, cyane cyane abatava mu rugo, bavuze ko bumva bafite amahoro iyo bari kumwe n'abo mu miryango yabo n' abakora umurimo wo kubitaho. Abandi—cyane cyane abafite ubumuga bwo mu mutwe— bavuze ko bumva bafite amahoro iyo bari kumwe n' Umukansala (counselor) wo kuri RLP bakavugana nawe ibibazo byabo.

**KWIVUZA N'IBINTU BISHOBORA KWIHANGANIRWA**

Ababajijwe muri ubu bushakashatsi bose bemeje ko guhohotera abantu babana

n'ubumuga ari ikintu kidashobora kwihanganirwa. Mu gihe guhatira umuntu guhagarika urubyaro ari cyo kintu abenshi bavuze ko kidakwiye kwihanganirwa, benshi mu babajijwe muri ubu bushakashatsi bagaragaje ko umukobwa utarashaka cyangwa umugore babana n'ubumuga hari igihe umuryango we umuhatira gukoresha uburyo bwo gutandukanya imbyaro kugirango badatwara indi nda. Ikibazo cyo guhagarika urubyarocyagaragajwe no ku bagabo cyangwa abahungu babana n'ubumuga, n'ubwo iyo umugabo cyangwa umuhungu ubana n'ubumuga ateye umukobwa cyangwa umugore inda, usanga ababajijwe muri ubu bushakashatsi basaga n'abumva ko aba arimo kwimenyereza gukoresha igitsina cye: "Umuhungu bamubonaga nk'aho ari umugabo ukomeye cyane."

## ICYO TUGIYE GUKORA UBU NI IKI?

WRC na RLP bazasuzuma ibyagaragaye muri iyi raporo byose hanyuma bandike raporo yuzuye ku byagaragajwe hamwe n'ibyifuzo (harimo n'ibyifuzo byaganiriweho n'ababajijwe muri ubu bushakashatsi) ku kuntu abantu babana n'ubumuga baba muri Kampala bafashwa kurushauko bimeze ubu mu rwego rw'ubuzima mu birebana n'ubuzima ndangabitsina n'imyororokere. Tuzaha iyo raporo abaterankunga, Umuyobozi w'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Ryita ku Mpunzi (HCR) n' Imiryango itegamiye kuri Leta yaba ikorera mu rwego rw'igihugu cyangwa mu rwego Mpuzamahanga.

Ubushakashatsi busa n'ubu burimo gukorwa mu bihugu bya Kenya na Nepal. Tuzatangaza ibyagaragajwe n'ubu bushakashatsi bwakorewe muri ibyo bihugu uko ari bitatu muri raporo imwe hanyuma tuzakore ubuvugizi kuri za Guverinoma, Amashami y'Umuryango w'Abibumbye, n'imiryango itegamiye kuri Leta ikorera mu rwego rw'ibihugu cyangwa mu rwego Mpuzamahanga, kugirango tubashishikarize kurushaho kunoza ubufasha bwo mu rwego rw'ubuzima ndangabitsina n'imyororokere buhabwa abantu babana n'ubumuga hirya no hino kw'isi

**WAKORA IKI URAMUTSE USHAKA KUGIRA IBINDI UMENYA MU BIREBANA N'UBU BUSHAKASHATSI N'IYI RAPORO?**

Ushatse kugira ibindi umenya birebana n'ubu bushakashatsi, wabaza: Yusrah Nagujja 414340547/0776897107. **y.nagujja@refugeelawproject.org**.

Uramutse wifuza ibindi bisobanuro ku bikubiye muri raporo byose hamwe n'ibikorwa by'ubuvugizi bya WRC byerekeranye n'ibyavuye muri ubu bushakashatsi, wabaza Mihoko Tanabe kuri **info@womenscommission.org** cyangwa ugasura urubuga rwa internet rwa **www.womensrefugeecommission.org**.

Iyi raporo yanditswe na Mihoko Tanabe kandi isusumwa na Yusrah Nagujja, Apio Molly na Sandra Krause. Yakosowe na Diana Quick. Amashusho yashushanyijwe na Stacey Patino. Amafoto yafashwe na RLP.

Ubu bushakashatsi bwakozwe na: Afugu Miriam (Umusemuzi ukoresha uburyo bw'incamarenga); Apio Molly (umwanditsi w'ibyafashwe mu buryo bw'ifatamajwi); Banzi Josepha; Berlin Abdulkadir; Chirwa Francis; Gato Ndabaramiye Joshua; Fiona Iradukunda;Mami Agnes; Namiyingo Agnes (umwanditsi w'ibyafashwe mu buryo bw'ifatamajwi);Nimo Hassan Ali; Pascaline Kwinjda; na Viviane Mushimiyimana.

Ukuboza 2014